**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUZIMA**

---

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Minisiteri y'Ubuzima iratangaza ko umupaka w'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ufunguye kandi ko urujya n'uruza rw'abantu hagati y'ibihugu byombi rukomeje nyuma y'uko muri iki gitondo hagaragaye kutihuta ku mirongo bitewe no gukaza ingamba zo kwigisha, gupima abantu umuriro no kwinjira mu mutuzo ku mipaka.

Kugeza ubu nta Ebola iri mu Rwanda. Bitewe n'uko umubare w'abantu bandura virusi ya Ebola ugenda wiyongera muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Minisiteri y'Ubuzima iragira abaturarwanda inama zo kwirinda gukora ingendo zitari ngombwa kuri Goma n'ahandi hose hagaragaye Ebola mu Burasirazuba bwa Congo muri rusange.

Minisiteri y'Ubuzima kandi irasaba abantu bose kugaragaza umuntu wese ufite ibimenyetso bya Ebola bifashishije umurongo utishyurwa wa Minisiteri y'Ubuzima 114 n'uwa polisi 112 cyangwa bakabimenyesha umujyanama w'ubuzima cyangwa ikigo nderabuzima kibegereye.

Bumwe mu buryo bwo kwirinda harimo kugira umuco wo gukaraba intoki dukoresheje amazi meza n'isabune; irinde gukora ku maraso no ku matembabuzi y'umuntu wanduye cyangwa wishwe na Ebola ndetse n'ibikoresho yakozeho.

Ebola yandurira mu maraso no mu matembabuzi harimo ibirutsi, inkari, amacandwe, n'ibyuya by'umuntu wayanduye.

Ibimenyetso by'indwara ya Ebola ni ibi bikurikira: kugira umuriro, kurwara umutwe, kuribwa mu ngingo, kubabara mu muhogo, gucika intege, guhitwa, kuruka cyane kandi kenshi, gusesa ibiheri ku mubiri, gutukura amaso, kuribwa mu nda no kuva amaraso ahantu hose hari umwenge ku mubiri.

Kugeza ubu, abanduye iyo ndwara mu bihugu by abaturanyi, ni abarenze kuri izi nama. Turasaba abanyarwanda gukomeza guharanira ko Ebola itagera mu Rwanda, bubahiriza inama bagirwa mu biganiro bagirana n'abayobozi b'inzego z'ibanze, inzego z'umutekano, abajyanama b'ubuzima, ndetse na Minisiteri y'Ubuzima.

Bikorewe i Kigali, ku wa 1 Kanama 2019

**Dr. Diane GASHUMBA**
**Minisitiri w'Ubuzima**